SACCO UMWALIMU
Together we Thrive

**AMABWIRIZA Nº 012/2023 YO KU WA 12 MUTARAMA 2023 AGENGA AMATORA Y'ABAGIZE INTEKO RUSANGE Y'UMWALIMU SACCO**

**Ingingo ya 1: Impamvu y'amatora**

Hashingiwe ku mategeko shingiro agenga Koperative Umwalimu SACCO nk'uko yavuguruwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo yayo ya 35 ivuga iby'Inteko Rusange, abayigize n'ububasha bwayo; aho ivuga ko abagize Inteko Rusange y'Umwalimu SACCO ari 416 batorerwa manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa;

Hashingiwe kandi ko amatora aheruka y'abagize Inteko Rusange yabaye mu kwezi kwa Werurwe 2018;

Hateganyijwe amatora y'abanyamuryango bahagarariye abandi ku rwego rw'umurenge muri buri karere k'Igihugu, muri uku kwezi kwa Werurwe 2023, akaba ari na bo bagize Inteko Rusange y'Umwalimu SACCO.

**Ingingo ya 2: Abarebwa n'aya matora**

Abarebwa n'aya matora ni abanyamuryango bose ba Koperative Umwalimu SACCO

**Ingingo ya 3: Igihe amatora azakorerwa**

Amatora y'abagize Inteko Rusange y'Umwalimu SACCO ateganyijwe gukorwa ku matariki akurikira:

| Amatariki | Igikorwa cy'amatora |
|---|---|
| 20 – 21/3/2023 | Amatora ku rwego rw'ikigo cy'ishuri |
| 21 – 22/3/2023 | Amatora ku rwego rw'Umurenge |
| 23 – 25/3/2023 | Amatora ku rwego rw'Akarere |

**Ingingo ya 4: Uko amatora azakorwa n'aho azakorerwa**

Amatora y'abagize Inteko Rusange y'Umwalimu SACCO azahera ku kigo cy'ishuri gifite nibura abanyamuryango 5, aho bazitoramo umwarimu umwe uzajya guhatanira ku rwego rw'umurenge umwanya wo guhagararira abanyamuryango muri uwo murenge bijyanye no kuba mu Nteko Rusange y'Umwalimu SACCO.

Abarimu baturutse ku bigo by'ishuri biri mu Umurenge, bazahurira ku murenge bitoremo umwarimu umwe uhagarariye abandi ku rwego rw'umurenge ari na we uzabahagararira mu Nteko Rusange y'Umwalimu SACCO.

Abazaba batowe ku rwego rw'imirenge bose nibo bazaba bagize Inteko Rusange mu karere iyo mirenge ibarizwamo. Bazahurira ku karere kugira ngo bitoremo abarimu batatu (3) bagize Komite

y'Ubuhuza igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umwanditsi. Abarimu bari mu nzego z'ubuyobozi za koperative ku rwego rw'Igihugu ntabwo bemerewe kuba muri Komite y'Ubuhuza.

Ikigo cy'ishuri gifite umwarimu uri mu nzego z'ubuyobozi z'Umwalimu SACCO ku rwego rw'Igihugu nta yandi matora kizakora, ndetse n'umurenge kibarizwamo nta matora azabamo kuko uwo muyobozi ni we uzaba ahagarariye abarimu muri uwo murenge.

**Ingingo ya 5: Abazahagararira amatora**

Ku rwego rw'ishuri, umuyobozi w'ikigo ni we uzakoresha amatora afatanyije n'abarimu babiri (2) batoranyijwe na bagenzi babo kandi batari mu bari bwiyamamaze. Igihe Umuyobozi w'ikigo cy'ishuri ashaka kwiyamamaza, abarimu bazitoramo undi uyobora amatora.

Ku rwego rw'Umurenge, ushinzwe uburezi mu Umurenge cyangwa undi wagenwa n'Ubuyobozi bw'Umurenge niwe uzayobora amatora afatanyije n'abandi bantu 2 bagenwa n'Ubuyobozi bw'Umurenge.

Ku rwego rw'Akarere, amatora azahagararirwa n'ushinzwe Uburezi ku rwego rw'Akarere afatanyije n'intumwa z'Umwalimu SACCO zizava ku rwego rw'Igihugu.

Mu gihe cy'amatora, ahazavuka ibibazo bizakemurwa n'abahagarariye amatora kuri urwo rwego, aho binaniranye biyambaze urwego rukurikiraho kugeza ku bagize Inama y'Ubuyobozi ndetse n'Inama y'Ubugenzuzi y'Umwalimu SACCO ku rwego rw'Igihugu (*Telefone ya Perezida w'Inama y'Ubuyobozi: 0783437459. Telefone ya Perezida w'Inama y'Ubugenzuzi: 0788654518*).

**Ingingo ya 6: Kumenyekanisha igihe n'aho amatora azabera**

Amatora agomba kumenyekanishwa, igihe n'aho azabera kuri buri kigo mu gihe cy'iminsi itanu (5) mbere yuko aba. Ku munsi ukurikiyeho, abatowe ku rwego rw'ishuri bazahurira ku Murenge hakorwe amatora ku rwego rw'Umurenge. Abatowe ku rwego rw'Umurenge ari nabo bagize Inteko Rusange ya Koperative Umwalimu SACCO, bazahurira ku rwego rw'Akarere ku matariki ari bugaragare kuri gahunda y'amatora iri ku mugereka kugira ngo bitoremo komite y'abantu batatu (3) igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umwanditsi kandi ihame ry'uburinganire rigomba kubahirizwa.

Abashinzwe Uburezi mu Turere nibo bazamenyesha aya mabwiriza abashinzwe Uburezi mu Mirenge nabo bayageze ku bayobozi b'ibigo biri mu Mirenge.

**Ingingo ya 7: Raporo y'amatora**

Raporo igaragaza uko amatora yagenze izatangwa ku buryo bukurikira:

- ✓ Amatora ku rwego rw'amashuri, raporo yayo izakorwa n'abayobozi b'ibigo ishyikirizwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge.
- ✓ Raporo y'uko amatora yagenze ku rwego rw'Umurenge, izakorwa n'Ubuyobozi bw'Umurenge ishyikirizwe Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ku rwego rw'Igihugu inyujijwe mu ishami ry'Umwalimu SACCO riri mu Karere uwo murenge ubarizwamo, hanyuma kopi yayo ishyikirizwe Akarere.

- ✓ Amatora ku rwego rw'Akarere azayoborwa n'ushinzwe Uburezi mu Karere afatanyije n'intumwa z'Umwalimu SACCO ari nazo zizashyikiriza raporo y'ayo matora Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ku rwego rw'Igihugu, kopi yayo isigare ku Karere.

Muri raporo hagomba kugaragaramo ibintu by'ingenzi bikurikira: urwego amatora yabereyo, itariki, abayoboye amatora na telephone zabo, amazina y'abakandida n'amashuri bize, ibyo bize, aho bakorera (ikigo cy'ishuri) n'amajwi bagize. Igomba kandi kugaragaza imyirondoro y'uwatowe kuri uwo mwanya irimo amazina ye, telephone, nimero y'irangamuntu na nimero ya konti ye afite mu Umwalimu SACCO.

**Ingingo ya 8: Manda y'abagize Inteko Rusange batorwa kuri buri Murenge na Komite y'Ubuhuza**

Buri munyamuryango wese utowe ku rwego rw'umurenge agira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa nk'uko amategeko shingiro ya Koperative abiteganya naho manda ya Komite y'Ubuhuza nayo ikagira manda y'imyaka itanu (5) ingana n'iy'Inteko Rusange yatorewemo.

Muri uru rwego rero abagize Inteko Rusange yari iriho bamaze manda ebyiri zikurikirana ntabwo bemerewe kongera kwiyamamaza, mu gihe abamaze manda imwe gusa bafite uburenganzira bwo kongera kwiyamamaza. *(Urutonde rw'abarangije manda ebyiri n'abarangije manda imwe murarusanga ku mugereka).*

**Ingingo ya 9: Ibyo umukandida agomba kuba yujuje**

1. Agomba kuba ari umunyamuryango w'Umwalimu SACCO kandi ahacisha umushahara we wa buri kwezi, ndetse yararishye n'umugabane shingiro we ungana n'amafaranga ibihumbi mirongo ine (Frw 40,000);
2. Agomba kuba atari munsi y'imyaka 21 y'amavuko;
3. Agomba kuba atari umwe mu bakozi b'Umwalimu SACCO;
4. Agomba kuba atarigeze ahagarikwa ku mirimo yari ashinzwe mu kigo cy'imari icyo ari cyo cyose biturutse ku makosa yakoze;
5. Agomba kuba atarigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);
6. Agomba kuba adakora ku buryo buziguye cyangwa butaziguye imirimo ipiganwa n'iya Koperative Umwalimu SACCO;
7. Agomba kuba atarigeze agwa mu gihombo kizwi mu mirimo ye y'ubucuruzi yakoraga;
8. Agomba kuba adakorana na Koperative Umwalimu SACCO imirimo y'ubucuruzi nko kuyigemurira ibikoresho n'ibindi;
9. Agomba kuba atarashakanye n'umwe mu bakozi b'Umwalimu SACCO cyangwa umwe mu bagize inzego z'ubuyobozi z'Umwalimu SACCO, ndetse agomba kuba nta sano yo ku gisanira cya mbere bafitanye (Se, nyina, umwana we cyangwa uwo yagize uwe mu buryo bwemewe n'amategeko ndetse n'abavandimwe be basangiye umwe mu babyeyi);
10. Agomba kuba adafite ubukererwe bw'inguzanyo yafashe mu kigo cy'imari icyo ari cyo cyose burengeje iminsi mirongom itandatu (60);

11. Kuba afite ubumenyi ku bijyanye n'imicungire y'umutungo n'ibigo by'imari byaba ari akarusho.

**Ingingo ya 10: Ivugururwa ry'aya mabwiriza**

Aya mabwiriza ashobora kuvugururwa igihe icyo ari cyo cyose byemejwe n'abagize Inama y'Ubuyobozi y'Umwalimu SACCO

**Ingingo ya 11: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa igihe ashyiriweho umukono n'abagize Inama y'Ubuyobozi

**Bikorewe i Kigali ku wa 12 Mutarama 2023**

Byemejwe n'abagize Inama y'Ubuyobozi y'Umwalimu SACCO

| S/N° | Amazina | Umwanya yatorewe | Umukono |
|---|---|---|---|
| 1 | HAKIZIMANA Gaspard | Perezida | |
| 2 | BAHATI Cyprien | V/Perezida | |
| 3 | NYANZIRA Clemence | Umwanditsi | |
| 4 | HABYARIMANA Laurent | Umujyanama | |
| 5 | MIREMBE Joy | Umujyanama | |